Runyinya, le 7 mai 1984

APA
Date entrée 14.5.84
Classement : 9906/84

Nyakubahwa Ministri w'Ubucamanza

K I G A L I

Nyakubahwa Bwana Ministri,

Ndifuza kubagezaho akarengane kanjye n'akababaro natewe no kwamburwa isambu n'amashyamba atandatu mu maherere.

Mbandikiye mbizeye kuko murangwaho ubutabera ngo muzigenzulire murebe aho ukuli guherereye. Nanze gupfana agahinda nterekanye ukuli, nyagwa ibyanjye ku buryo ntumva, ntacyo nahuguje.

Mbandikiye kandi ali uko nazegurutse inkiko zose nkabura uwandenganura, nyamara kandi ali ibintu bigaragara.

Nahugujwe isambu n'amashyamba atandatu n'umugabo witwa MUVUNYI Absoni utuye ku murenge Mwunyu, Segiteri Ramba, Komini Runyinya muli Butare.

Dore uko byangenze. Mu mwaka Rudahigwa ajya i Burayi, Nyaruguru itwarwa na Chef Mbanda, nahaye Umugabo witwa GAHIGI isambu mw'i Ramba ndanamwubakira, umuhanda umusenyeye ahitwa muli Rubiha. Bigeze muli 1959, GAHAIGI azagusaba S/chef Rusine watwaraga i Mbasa ngo amukebere aho nali naramuhaye ngo habe ahe burundu.

Mbimenye njya kumurega mu rukiko rw'Intara ya Nyaruguru, kugirango nsobanure ko namuhaye atagomba gukebesha mu byanjye.

Chef Mbanda asuzumye urwo rubanza aza kureba, mwereka aho nahaye uwo GAHIGI. Ashinga imbago twese duhali n'abaturage. Ntsindirwa ko nahaye Gahigi ntagomba kwisubiza impano. Aliko nanjye ndabyemera kuko nali naramuhaye; icyo nangaga gusa n'uko yashakaga ko bamukerbera aho ntamuhaye bahongera.

Aho nahaye Gahigi n'uko ubutegetsi bw'icyo gihe bwahashinze imbago bose barahazi n'ubu haragaragra.

GAHIGI yamaze imyaka ine arapfa asiga umugore we NYIRARWASA n'abana bane. Babaho nta mahane kugera muli 1979, ali bwo NYIRARWASA agurishije isambu nabahaye. Igurwa n'uwitwa MUVUNYI Absoni navuze. Aho baguze ntacyo mpavugaho kuko bakurikije uko nali narahaye umugabo wa NYIRARWASA aliwe GAHIGI, n'uko ubutegetsi bwali bwarahakebye.

MUVUNYI amaze kugura yoshya NYIRARWASA ngo ajye kuregera aho ntahaye umugabo we Gahigi, ngo kuko urubanza rwo muli 59 rutarangijwe kandi Chef Mbanda yarageze kuhatera imbago zikigaragara na nubu.

Mu rukiko rwa Kanto, NYIRARWASA wali wandeze aburanirwa na MUVUNYI, ndabatsinda. Conseiller wa Segiteri Ramba arangiza urubanza, yongera gushinga imbago uko zali zimeze yongeramo izindi, abaturage bahazi bahali.

MUVUNYI ajuliirira mu rukiko rwa mbere rw'Iremezo i Butare. Ndatsindwa ku buryo ntumva, kuko abacamanza baje kureba isambu tuburana, Muvunyi akabereka aho yifuza bakaba aliho bashinga imbago batumva ibyo mbabwira, ntacyo babajije n'abaturage. Yewe bagiye gusoma n'urubanza baliherera ku buryo ali jye na Muvunyi twali duhali twenyine kandi urubanza rwaraburanishirijwe mu ruhame. Hali mu kwezi kwa gatanu muli 1983.

Nsabye kujulira banyoherza muli Cassation i Kigali. Ngeze i Kigali muli Cassation banyaka amafranga y'igarama ndayabura, mbabwira ko ndi umukene ntayabona. Hali mu kwezi kwa munani muli 1983. Bati lero n'ukujya gushaka amafranga cyanga ukazana icyemezo cya Burgmestri ko uli umutindi nyakujya.

Njya kwa Burgmestri iwacu muli Runyinya ndabimutekerereza. Araperereza aza gusanga koko ntamubeshya, ntacyo ntunze, nibwo mu kwacyenda ampaye icyemezo cy'uko ndi umutindi nyakujya.

Ngarutse muli Cassation mbereka icyemezo cya Burgmestri, aliko bambwira ko ubujulire bwanjye bwakererewe batabwakira. Mbereka ko ali bo banyohereje kwa Burgmestri gushaka icyemezo ko nta mafranga y'igarama nshobora kubona, ko muli ukwo kwezi kwa munani nali naje igihe kitararenga, kandi rwose nali nabasabye icyemezo ko nahageze ntibakimpa. Cyakora copie z'urubanza n'icyemezo cya Burgmestri barabyakira.

Mu kwezi kwa kabili muli 84 mbona urupapura rumenyesha imikirize y'urubanza no 873/13.83/83 rwo kuwa 5/1/84 rwaciwe ku wa 29/9/83 ruhereye ku rubanza no 7802/19/79 rw'urukiko rwa mbere rw'Iremezo rwa Butare. Nyoberwa ibyo ali byo kubona i Butare ali bo bongeye kuruca, bavuga ko nsunzwe kubera ubukererwe kandi ko ntavuze amazina y'umuburanyi wanjye, n'aho atuye.

Kw'itali ya 4/5/84 nje muli Cassation, bambwira ko aliho baciriye urwo rubanza, ko natanze ikirego naracyerewe. Bati muzajya mutsindwa n'ubujiji, niko amategeko ateye ntibyali kugenda ukundi. Biyibagiza kandi ko aliho batansobanuriye uko nagombaga kubigenza igihe banyohereza gushaka icyemezo cy'ubutindi kwa Burgmestri.

None Nyakubahwa Bwana Ministri, mpeze mu gihirahiro, mpfuye ubutagira kivulira. Kuba naracyerewe mwumvise icyabiteye. Impapuro bantumye sinali kuziha ngo mbanguke. Burgmestri nawe yagombaga kubanza gusuzuma koko ko ntamubeshya. Iyo baza se kunsobanulira ngasiga ikirego cyanjye ntibantege gutinda? Ngo sinavuze amazina y'umuburanyi wanjye kandi narabahaye copie z'urubanza rw'i Butare?

Ikimbabaje aliko muli byose n'ukubona namburwa ibyanjye bizwi na rubanda mu buryo ntazi. Aho hantu bamburanije bakaba bahanyambuye nta muturanyi wanjye utahazi, utazi ko ndengana. Nkaba mbasaba nkomeje, Nyakubahwa Ministri ko mwakohereza intumwa yanyu ikazigerera aho bantwara, ikirebera uko hateye n'imbago zatugabanyaga na Gahigi kuva kera, umugore we Nyirarwasa atarahagurisha nna Muvunyi. Uyu MUVUNYI ntanahatuye, yahaguze kugirango abone uburyo bwo kumpuguza amashyamba yanjye nitereye. Ramba yose iramuzi, ubu asigaye agenda yigamba ngo hakora ifaranga. Abakene tubaye abande? None se kubona atsinda kandi ahuguza kumugaragaro ntibitangaje? Mfite imyaka hafi 70, agahinda ko kwamburwa mbona nikoz kanyishe. Ndabiye nkomeje ko ibyo mvuze ali ukuli. Nkaba mbasabye kwerekana namwe ukuli mwebwe mushinzwe kurenganura abarengana. Ndabizeye.

SEBIKAKALI André
Segiteri Ramba - Komini RUNYINYA ( Butare)

Bimenyeshejwe:

√ -Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika
- Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- [redacted] Burgmestri wa Runyinya